

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

A. Amateka ya ba Minisitiri / Ministerial Orders / Arrêtés Ministériels

N° 20/40 ryo ku wa 12/01/2017

Iteka rya Minisitiri rigena imirimo y'inyongera ishamikiye ku buvuzi2

N° 20/40 of 12/01/2017

Ministerial Order determining additional allied health professions2

N° 20/40 du 12/01/2017

Arrêté Ministériel déterminant des professions paramédicales additionnelles.....2

N°001/MIGEPROF/2017 ryo ku wa 16/01/2017

Iteka rya Minisitiri rigena ibyitabwaho mu kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga n'uburyo bikorwa.....6

N°001/MIGEPROF/2017 of 16/01/2017

Ministerial Order determining conditions to be considered in intercountry adoption and the procedure thereof.....6

N°001/MIGEPROF/2017 du 16/01/2017

Arrêté Ministériel déterminant les conditions d'adoption internationale et la procédure y relative.....6

N°002/MIGEPROF/2017 ryo ku wa 16/01/2017

Iteka rya Minisitiri rigena imigendekere y'ubwishingire bw'umwana bukozwe na Leta.....20

N°002/MIGEPROF/2017 OF 16/01/2017

Ministerial Order determining procedures for guardianship of minor by the state20

N°002/MIGEPROF/2017 du 16/01/2017

Arrêté Ministériel déterminant les procédures de la tutelle d'un mineur par l'Etat.....20

B. Guhindura amazina / Change of names / Changement de noms

MUSABYIMANA Neema.....28

C. Imiryango / Organizations / Organisations

- EDITIONS BAKAME32

- JERICHO TEMPLE.....34

- YOUNG WOMEN'S CHRISTIAN ASSOCIATION (YWCA).....36

D. Amakoperative / Cooperatives / Coopératives

- BWATO BUSHYA38

- ABARESHYA BA II.....39

- KAMAGI40

ITEKA RYA MINISITIRI N° 20/40 RYO KU
WA 12/01/2017 RIGENA IMIRIMO
Y'INYONGERA ISHAMIKIYE KU
BUVUZI

MINISTERIAL ORDER N° 20/40 OF
12/01/2017 DETERMINING ADDITIONAL
ALLIED HEALTH PROFESSIONS

ARRETE MINISTERIEL N° 20/40 DU
12/01/2017 DETERMINANT DES
PROFESSIONS PARAMEDICALES
ADDITIONNELLES

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Indi mirimo ishamikiye ku
buvuzi

Article 2: Other allied health professions

Article 2: Autres professions paramédicales

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo
zinyuranyije n'iri teka

Article 3: Repealing provision

Article 3: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 4: Igihe iri teka ritangira
gukurikizwa

Article 4: Commencement

Article 4 : Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N° 20/40 RYO KU WA 12/01/2017 RIGENA IRIMIRIMO Y'INYONGERA ISHAMIKIYE KU BUVUZI

MINISTERIAL ORDER N° 20/40 OF 12/01/2017 DETERMINING ADDITIONAL ALLIED HEALTH PROFESSIONS

ARRETE MINISTERIEL N° 20/40 DU 12/01/2017 DETERMINANT DES PROFESSIONS PARAMEDICALES ADDITIONNELLES

Minisitiri w'Ubuzima;

The Minister of Health;

Le Ministre de la Santé;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 46/2012 ryo ku wa 14/01/2013 rishyiraho Urugaga nyarwanda rw'abakora imirimo ishamikiye ku buvuzi kandi rikagena imiterere, imikorere n'ububasha byarwo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3;

Pursuant to Law n° 46/2012 of 14/01/2013 establishing the Rwanda Allied Health Professions Council and determining its organisation, functioning and competence, especially in Article 3;

Vu la Loi n° 46/2012 du 14/01/2013 portant création de l'Ordre Rwandais des professions paramédicales et déterminant son organisation, son fonctionnement et ses compétences, spécialement en son article 3;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 09/12/2016, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 09/12/2016;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 09/12/2016;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE :

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Object du présent arrêté

Iri teka rigena imirimo y'inyongera ishamikiye ku buvuzi.

This Order determines additional allied health professions.

Le présent arrêté détermine des professions paramédicales additionnelles.

Ingingo ya 2: Indi mirimo ishamikiye ku buvuzi

Imirimo ishamikiye ku buvuzi ikubiyemo abakora imirimo y'inyongera ikurikira:

- 1° abanyamwuga bashinzwe kwita ku mashini zishinzwe gufasha umutima n'ibihaha mu gihe cy'ibaga ry'umutima;
- 2° abanyamwuga batanga ibikoresho bifasha mu kumva;
- 3° abanyamwuga bungirije mu by'ubuvuzi;
- 4° abanyamyuga bashinzwe imibereho myiza y'abarwayi;
- 5° abanyamwuga bashinzwe kuvura no gufasha mu bijyanye no kuvuga no kumva;
- 6° abagororangingo.

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Article 2: Other allied health professions

Allied health professions include additional professions as follows:

- 1° clinical Perfusionists;
- 2° hearing Instrument Dispensers;
- 3° clinical Officers/Medical Assistants;
- 4° social Workers;
- 5° speech & Language Therapists;
- 6° chiropractors.

Article 3: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Article 2: Autres professions paramédicales

Les professions paramédicales comprennent des professions additionnelles suivantes:

- 1° perfusionnistes cliniques;
- 2° distributeurs des instruments d'Audition;
- 3° assistants médicaux/Agents cliniques;
- 4° agents sociaux;
- 5° orthophonistes;
- 6° chiropraticiens.

Article 3: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 4: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 12/01/2017

(sé)

Dr. GASHUMBA Diane
Minisitiri w'Ubuzima

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 4: Commencement

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 12/01/2017

(sé)

Dr. GASHUMBA Diane
Minister of Health

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

BUSINGYE Johnston
The Minister of Justice/Attorney General

Article 4 : Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 12/01/2017

(sé)

Dr. GASHUMBA Diane
Ministre de la Santé

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI	MINISTERIAL	ORDER	ARRETE	MINISTERIEL
N°001/MIGEPROF/2017 RYO KU WA	N°001/MIGEPROF/2017 OF	16/01/2017	N°001/MIGEPROF/2017 DU	16/01/2017
16/01/2017 RIGENA IBYITABWAHO MU	DETERMINING CONDITIONS TO BE		DETERMINANT LES CONDITIONS	
KUBERA UMUBYEYI UMWANA	CONSIDERED IN INTERCOUNTRY		D'ADOPTION INTERNATIONALE ET LA	
UTABYAYE KU RWEGO	ADOPTION AND THE PROCEDURE		PROCEDURE Y RELATIVE	
MPUZAMAHANGA N'UBURYO	THEREOF			
BIKORWA				

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Uburenganzira ku muryango uhamye

Article 2: Right to a stable family

Article 2: Droit à une famille stable

Ingingo ya 3: Uburenganzira mbere y'abandi bwo kubera umubyeyi umwana utabyaye

Article 3: Preferential right on adoption

Article 3: Droit préférentiel dans l'adoption

Ingingo ya 4: Ibangwa ku nyandiko

Article 4: Confidentiality of documents

Article 4: Confidentialité des documents

Ingingo ya 5: Ibubujijwe mu kubera umubyeyi umwana utabyaye

Article 5: Prohibitions in relation to adoption

Article 5: Interdictions en matière de l'adoption

Ingingo ya 6: Utemerewe kuba umubyeyi w'umwana atabyaye ku rwego mpuzamahanga

Article 6: Non eligible person to intercountry adoption

Article 6: Personne non éligible à l'adoption internationale

Ingingo ya 7: Itangwa rya dosiye isaba

Article 7: Submission of the application file

Article 7: Soumission du dossier de demande

Ingingo ya 8: Ibyangombwa bisabwa

Article 8: Required documents

Article 8: Documents requis

<u>Ingingo ya 9:</u> Igihe cyo gusubiza ubusabe	<u>Article 9:</u> Time to respond to the application	<u>Article 9:</u> Délai de réponse à la demande
<u>Ingingo ya 10:</u> Guhuza umwana n’umubyeyi	<u>Article 10:</u> Getting child’s contact with the adoptive applicant	<u>Article 10:</u> Mise en contact de l’enfant avec le demandeur d’adoption
<u>Ingingo ya 11:</u> Inyandiko yemeza uko umuntu aba umubyeyi w’uwo atabyaye	<u>Article 11:</u> Adoption record	<u>Article 11:</u> Acte d’adoption
<u>Ingingo ya 12:</u> icyemezo cy’urukiko	<u>Article 12:</u> Decision of the court	<u>Article 12:</u> Décision de la juridiction
<u>Ingingo ya 13:</u> Kwandukura urubanza rwo kubera umubyeyi umwana utabyaye	<u>Article 13:</u> Registration of an adoption judgment	<u>Article 13:</u> Enregistrement du jugement d’adoption
<u>Ingingo ya 14:</u> Inyandiko itangwa n’Urwego	<u>Article 14:</u> Document issued by the Organ	<u>Article 14:</u> Document délivré par l’Organe
<u>Ingingo ya 15:</u> Raporo y’umubyeyi w’umwana atabyaye	<u>Article 15:</u> Report of the adoptive parent	<u>Article 15:</u> Rapport de l’adoptant
<u>Ingingo ya 16:</u> Imikoranire y’inzezo mu gukurikirana imibereho y’umwana	<u>Article 16:</u> Collaboration of organs in follow up of child’s health conditions	<u>Article 16:</u> Collaboration des organes dans le suivi des conditions de vie de l’enfant
<u>Ingingo ya 17:</u> Ivanwaho ry’ingingo zinyuranyije n’iri teka	<u>Article 17:</u> Repealing provision	<u>Article 17:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 18:</u> Igihe iri teka ritangira gukurikizwa	<u>Article 18:</u> Commencement	<u>Article 18:</u> Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI	MINISTERIAL	ORDER	ARRETE	MINISTERIEL
N°001/MIGEPROF/2017 RYO KU WA	N°001/MIGEPROF/2017 OF 16/01/2017	OF 16/01/2017	N°001/MIGEPROF/2017 DU 16/01/2017	DU 16/01/2017
16/01/2017 RIGENA IBYITABWAHO MU	DETERMINING CONDITIONS TO BE	DETERMINANT LES CONDITIONS	DETERMINANT LES CONDITIONS	D'ADOPTION INTERNATIONALE ET LA
KUBERA UMUBYEYI UMWANA	CONSIDERED IN INTERCOUNTRY	D'ADOPTION INTERNATIONALE ET LA	PROCEDURE Y RELATIVE	
UTABYAYE KU RWEGO	ADOPTION AND THE PROCEDURE			
MPUZAMAHANGA N'UBURYO	THEREOF			
BIKORWA				

Minisitiri w'Uburunganire n'Iterambere ry'Umuryango;	Minister of Gender and Family Promotion;	Ministre du Genre et de la Promotion de la Famille;
---	---	--

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 cyane mu ngingo ya 121, iya 122 n'ya 176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;
--	--	--

Ashingiye ku Itegeko n° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango cyane mu ngingo yaryo ya 318;	Pursuant to Law n° 32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family, especially in Article 318;	Vu la Loi n° 32/2016 du 28/08/2016 régissant les personnes et la famille, spécialement en son article 318;
---	---	--

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 11/11/2016, imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 11/11/2016;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 11/11/2016;
--	--	--

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Iri teka rigena ibigomba kwitabwaho byiyongera ku biteganywa n'ingingo ya 318 y'Itegeko n° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu	This Order determines conditions that are additional to those provided by Article 318 of the Law n° 32/2016 of 28/08/2016 governing	Le présent arrêté détermine les conditions qui s'ajoutent à celles prévues par l'Article 318 de la Loi n° 32/2016 du 28/08/2016 régissant les
--	---	---

n'umuryango, mu kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga n'uburyo bikorwa.

Ingingo ya 2: Uburenganzira ku muryango uhamye

Ushaka kubera umubyeyi umwana atabyaye ku rwego mpuzamahanga agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- 1° guha umwana uburenganzira bwo gukurira mu muryango uhamye kandi ku buryo burambye akanamwitaho kugira ngo akure neza;
- 2° kugenera umwana ibyo akenera birimo guhabwa ibimutungana, kwiga, kuvuzwa n'icumbi.

Ingingo ya 3: Uburenganzira mbere y'abandi bwo kubera umubyeyi umwana utabyaye

Kugirwa umwana n'umubyeyi utaramubyaye ku rwego mpuzamahanga biba gusa mu gihe ari bwo buryo bushoboka nyuma yo kubona ko nta wundi muryango w'Abanyarwanda uri mu gihugu ushaka kumubera umubyeyi.

Ushaka kubera umubyeyi umwana atabyaye ku rwego mpuzamahanga ariko uwo mwana akaba

persons and family, which are to be considered in intercountry adoption and the procedure thereof.

Article 2: Right to a stable family

A person intending to be an adoptive parent in intercountry adoption must fulfil the following requirements:

- 1° to provide the child with the right to grow up in stable family and to assure his/her appropriate growth on a permanent basis;
- 2° to provide the child with basic living needs including food, education, healthcare and accommodation.

Article 3: Preferential right on adoption

The intercountry adoption only occurs when it is the only way possible to adopt the child after determining that there is no other family in Rwanda wishing to adopt the child.

A person intending intercountry adoption of a child with special problems is granted the preferential right.

personnes et la famille, qui doivent être considérées lors d'adoption internationale et la procédure y relative.

Article 2: Droit à une famille stable

Une personne qui désirent devenir un parent adoptive par voie de l'adoption internationale doit remplir les conditions suivantes:

- 1° donner à l'enfant le droit de grandir dans une famille stable et lui assurer une croissance appropriée de façon permanente;
- 2° fournir à l'enfant les conditions de vie essentielles y compris les aliments, éducation, les soins médicaux et le logement.

Article 3: Droit préférentiel dans l'adoption

L'adoption internationale n'est admise que lorsqu'il est évident que c'est la seule voie possible d'adoption de l'enfant après avoir constaté qu'aucune autre famille au Rwanda ne manifeste la volonté d'adopter cet enfant.

Une personne désireuse d'adoption internationale d'un enfant ayant les problèmes spéciaux bénéficie du droit préférentiel.

afite ibibazo byihariye ahabwa amahirwe mbere y'abandi.

Urwego rw'igihugu rufite kurinda abana mu nshingano zarwo rwitwa "Urwego" muri iri teka rwemeza ko umuntu usaba kugira umwana uwo atabyaye yujuje ibisabwa.

Ingingo ya 4: Ibanga ku nyandiko

Umuryango wakira umwana n'uw'uwagizwe umwana n'umubyeyi utaramubyaye bafite uburenganzira mu kubikirwa ibanga ku makuru yerekeye amadosiye yose arebana no kubera umubyeyi umwana utabyaye. Kubona amakuru yose ajyanye na byo bigomba gukurikiza amategeko abigenga.

Ingingo ya 5: Ibujijwe mu kubera umubyeyi umwana utabyaye

Kuba umubyeyi w'umwana utabyaye ntibigomba kuba uburyo bwo gushaka amaronko cyangwa izindi nyungu.

Gusura kose ndetse no kwinjira mu kigo cy'abana kw'ababyeyi bakeneye abana bigomba kubanza kwemerwa mu nyandiko n'Urwego.

The national organ in charge of child protection called "Organ" in this Order approves that the person intending to adopt the child fulfils the requirements.

Article 4: Confidentiality of documents

The adoptive family and adopted child's family have the right in relation to confidential conservation of documents relating to adoption. The delivery of any information in relation with adoption documents must be in accordance with relevant laws.

Article 5: Prohibitions in relation to adoption

The adoption shall not be aimed at personal benefits of the adoptive parent or any other interest.

Any act of visiting or entering into an orphanage by intending adoptive parents must be done after written approval of the Organ.

L'organe national ayant la protection des enfants dans ses attributions dénommé « Organe » dans le présent arrêté approuve que la personne désireuse d'adoption remplit les conditions nécessaires.

Article 4 : Confidentialité des documents

La famille de l'adoptant et de l'adopté jouissent du droit à la confidentialité des documents relatifs à l'adoption. La fourniture de toute information relative aux documents de l'adoption doit être faite conformément aux lois en la matière.

Article 5: Interdictions en matière de l'adoption

L'adoption ne doit pas avoir pour objectif des intérêts personnels de l'adoptant ou tout autre intérêt.

Tout visite ou entrée dans l'orphelinat par les personnes désireuses d'adoption doit être fait après l'approbation écrite de l'Organe.

Ingingo ya 6: Utemerewe kuba umubyeyi w'umwana atabyaye ku rwego mpuzamahanga

Abantu bakurikira ntibemerewe kubera umubyeyi w'umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga:

- 1° uwakatiwe burundu n'inkiko ku byaha byo guhohotera abana, kubasambanya, kubagurisha, ibyaha bikorerwa mu muryango, icyaha cya jenocide, ibyaha by'intambara, ibyaha byibasira inyokomuntu ndetse n'ibindi byaha by'ubugome;
- 2° urwaye indwara zabangamira ubuzima bwiza bw'umwana;
- 3° uwambuwe n'inkiko ububasha bwa kibyeyi.

Ingingo ya 7: Itangwa rya dosiye isaba

Dosiye isaba kubera umubyeyi umwana utabyaye ishyikirizwa urwego rw'igihugu rushinzwe gushyira mu bikorwa amasezerano mpuzamahanga yerekeranye no kurinda abana no gufatanya mu byerekeranye no kubera umubyeyi umwana utabyaye mu gihugu kizakira umwana.

Article 6: Non eligible person to intercountry adoption

The following persons are not eligible to be adoptive parents in intercountry adoption:

- 1° a person definitely sentenced by the courts for violation of the rights of children, rape to a minor, minors trafficking, domestic violation, genocide, war crimes, crimes against humanity and other serious crimes;
- 2° a person with a sickness which may compromise the welfare of the child;
- 3° a person deprived of parental authority.

Article 7: Submission of the application file

The application for adoption is submitted to the Organ through the authority in charge of implementation of Treaties and International agreements related to child adoption and collaboration in adoption matters of the host country.

Article 6 : Personne non éligible à l'adoption internationale

Les personnes suivantes ne sont pas éligibles à l'adoption internationale:

- 1° une personne définitivement condamnée par les juridictions pour violation des droits des enfants, viol sur un mineur, trafic des enfants, violation familiale, génocide, crimes de guerre, crimes contre l'humanité et autres crimes graves;
- 2° une personne souffrant d'une maladie qui peut compromettre le bien-être de l'enfant ;
- 3° une personne déchue de l'autorité parentale.

Article 7: Soumission du dossier de demande

Le dossier de demande d'adoption est soumis à l'Organe par intermédiaire de l'autorité ayant dans ses attributions l'application des traités et accords internationaux relatifs à la protection de l'enfant et à la collaboration en matière d'adoption dans le pays d'accueil de l'enfant.

Ingingo ya 8: Ibyangombwa bisabwa

Dosiye y'usaba kuba umubyeyi w'umwana atabyaye iba igizwe n'ibyangombwa bikurikira:

- 1° ibaruwa yerekana impamvu asaba kuba umubyeyi w' umwana atabyaye, amazina ye, itariki n'ahantu yavukiye, ubwengehugu bwe n'ahantu abarizwa ku buryo buhoraho kimwe n'igitsina n' imyaka ye n'imiterere y'ubuzima by'umwana yifuza kubera umubyeyi;
- 2° umwirondoro ugaragaza amazina, imyaka, igitsina by'abo babana n'isano bafitanye iyo bahari;
- 3° kopi y'ikimuranga;
- 4° inyemezabushake yanditse y'uwo bashakanye n'iya buri mwana wese w'umubyeyi usaba ufite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko iyo bahari;
- 5° ibaruwa itanzwe n' uhagarariye u Rwanda mu gihugu usaba atuyemo igaragaza ko yakwemererwa kuba umubyeyi w'umwana;

Article 8: Required documents

The adoption applicant's file comprises the following documents:

- 1° a letter stating the grounds for the request for adoption, his/her full names, date, place of birth, nationality and permanent address as well as sex, age and living conditions of the child to be adopted;
- 2° a document stating full names, age and sex of persons with whom he/she shares the residence if any and his/her relationship with these people;
- 3° a copy of his/her identification document;
- 4° documents certifying the consent of the spouse and each child aged eighteen (18) years if any;
- 5° a letter from the representative of Rwanda in the applicant's country of domicile recommending the approval of the application for adoption;

Article 8: Documents requis

Le dossier du demandeur d'adoption comprend les documents suivants :

- 1° une lettre indiquant les motifs de la demande d'adoption sur laquelle figurent son nom et prénom, ses date et lieu de naissance, sa nationalité et son adresse permanente ainsi que le sexe, l'âge et les conditions de vie de l'enfant qu'il souhaite adopter;
- 2° un document indiquant les noms, prénoms, l'âge et le sexe des personnes avec lesquelles il partage la résidence s'il y en a ainsi que ses relations avec ces personnes;
- 3° une photocopie de son document d'identification;
- 4° documents certifiant le consentement de son époux et de chacun de ses enfants âgés d'au moins dix-huit (18) ans s'il en a;
- 5° une lettre du représentant du Rwanda dans le pays de son domicile du demandeur recommandant l'approbation de la demande d'adoption;

Official Gazette n° 3 of 16/01/2017

6°	kopi y'inyandiko y'abashyingiranywe iyo ihari;	6°	a copy of marriage record if any;	6°	une photocopie son acte de mariage s'il en a;
7°	kopi y'inyandiko y'ivuka ry'usaba;	7°	a copy of the birth record of the applicant;	7°	une photocopie de son acte de naissance;
8°	icyemezo cyerekana ko yafunzwe cyangwa atafunzwe;	8°	a criminal record certificate;	8°	un extrait du casier judiciaire;
9°	icyemezo cya muganga wemewe na Leta kuri buri mubyeyi usaba n'icy'abana babana nabo, bitarengeje amezi atatu (3) kuva bitanzwe;	9°	medical certificate of each applicant parent and each child sharing the same residence, issued within a maximum period of three (3) months by a licensed physician;	9°	certificat médical de chaque parent requérant et chaque enfant partageant la même résidence, datant de trois (3) au plus délivrés par un médecin agréé;
10°	inyemezabushake y'uzasigarana umwana mu gihe ababyeyi bahuye n'ibibazo bituma badakomeza kumwitaho;	10°	documents certifying the consent of the child's guardian in case of failure by the adoptive parents to support the child;	10°	documents certifiant le consentement du tuteur de l'enfant en cas d'impossibilité par les parents adoptifs de le prendre en charge;
11°	inyandiko itanga amakuru ku mibereho y'umuryango yemejwe n'urwego rw'igihugu rushinzwe gushyira mu bikorwa amasezeranao mpuzamahanga yerekeranye no kurinda abana no gufatanya mu byerekeranye no kubera umubyeyi umwana utabyaye rw'aho usaba akomoka;	11°	backgrounder on the home living conditions certified by the Organ in charge of implementation of Treaties and International agreements related to child adoption and collaboration in adoption matters in the applicant's country of domicile;	11°	document d'informations sur les conditions de vie de foyer certifié par l'organe ayant dans ses attributions l'application des traités et accords internationaux relatifs à la protection de l'enfant et à la collaboration en matière d'adoption dans le pays d'origine du demandeur;
12°	inyandiko zigaragaza imitungo ye.	12°	Documents certifying his/her property.	12°	Documents certifiant son patrimoine.

Inyandiko zose zivugwa muri iyi ngingo zigomba kuba ziriho umukono wa noteri wemewe na Leta mu gihugu usaba atuyemo.

Ingingo ya 9: Igihe cyo gusubiza ubusabe

Nyuma yo kwakira dosiye isaba, Urwego rusuzuma ibyangombwa byose byatanzwe n'umubyeyi ushaka umwana, rugasubiza mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30) rubinyujije ku rwego rw'igihugu rushinzwe gushyira mu bikorwa amasezerano mpuzamahanga yerekeranye no kurinda abana no gufatanya mu byerekeranye no kubera umubyeyi umwana utabyaye rwo mu gihugu usaba atuyemo, rumumenyesha ko dosiye yuzuye, rumusaba kugira ibyo yuzuza muri dosiye cyangwa rumuhakanira.

Ingingo ya 10: Guhuza umwana n'umubyeyi

Iyo Urwego rwemereye usaba kubera umubyeyi umwana atabyaye rushaka umwana mu gihe kitarenze amezi atandatu (6), rukamenyesha usaba ko umwana yabonetse.

Urwego rusaba uwasabye umwana kuza mu gihugu kuzuza ibiteganywa n'amategeko rukamuha icyemezo cy'uko rwemeye ko yaba umubyeyi w'umwana rukanamuhuza na we.

All documents cited in this Article must be certified by an authorized notary in the applicant's country of domicile.

Article 9: Time to respond to the application

After receiving the application file, the Organ analyses all documents submitted by the applicant and gives within thirty (30) days through the organ in charge of implementation of Treaties and International agreements related to child adoption and collaboration in adoption matters in the applicant's country of domicile, a response notifying him/her that the file is complete, additions to complete the file or rejection of the application.

Article 10: Getting child's contact with the adoptive applicant

Where the Organ approves the application for adoption, it goes in search of desired child within six (6) months and notifies the applicant that the child is found.

The Organ asks the applicant to come to the country to complete the procedures provided for by law, gives him a certificate of approval of his application and puts him/her in contact with the child to be adopted.

Tous les documents cités dans cet article doivent être certifiés par un notaire agréé dans le pays du domicile du demandeur.

Article 9: Délai de réponse à la demande

Après la réception du dossier de requête, l'Organe analyse tous les documents soumis par le demandeur et donne endéans trente (30) jours par l'intermédiaire de l'autorité ayant dans ses attributions l'application des traités et accords internationaux relatifs à la protection de l'enfant et à la collaboration en matière d'adoption dans le pays de domicile du requérant, une réponse lui notifiant que le dossier est complet, des ajouts pour compléter le dossier ou du rejet de la demande.

Article 10: Mise en contact de l'enfant avec le demandeur d'adoption

Lorsque l'Organe approuve la demande d'adoption, il passe à la recherche de l'enfant souhaité endéans six (6) mois et notifie au demandeur que l'enfant a été trouvé.

L'Organe invite le demandeur de venir au pays afin de compléter les procédures prévues par loi, lui donne une attestation d'approbation de sa demande et le met en contact avec l'enfant à adopter.

Iyo umwana uhujye n'icyifuzo cy'usaba atabonetse, Urwego rubimenyeshya usaba mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) binyujijwe ku rwego rubishinzwe muri icyo gihugu, rugafunga dosiye.

When the required child is not found, the Organ notifies the applicant within six (6) months through the organ in charge of implementation of Treaties and International agreements related to child adoption and collaboration in adoption matters in the applicant's country of domicile and the case is closed.

Lorsque l'enfant souhaité n'est pas trouvé, l'Organe le communique au demandeur endéans six (6) mois par l'intermédiaire de l'organe ayant dans ses attributions l'application des traités et accords internationaux relatifs à la protection de l'enfant et à la collaboration en matière d'adoption dans le pays de domicile du demandeur qui clos le dossier.

Ingingo ya 11: Inyandiko yemeza uko umuntu aba umubyeyi w'uwo atabyaye

Inyandiko yemeza ko umuntu aba umubyeyi w'uwo atabyaye iri mu bubasha bw'umwanditsi w'irangamimerere w'aho umwana usabwa atuye. Ikorwa hari usaba cyangwa abasaba kubera umubyeyi umwana n'abatangabuhamya byibuze babiri (2) bafite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko.

Article 11: Adoption record

The adoption record is within the jurisdiction of the civil registrar of the child's domicile. It is done in presence of the adoptive parents with at least two (2) witnesses aged at least eighteen (18) years.

Article 11: Acte d'adoption

L'acte d'adoption est du ressort de l'officier de l'état civil du domicile de l'enfant à adopter. Il est dressé en présence du ou des adoptants avec au moins deux (2) témoins âgés d'au moins dix-huit (18) ans.

Umwanditsi w'irangamimerere akora inyandiko yo kubera umubyeyi umwana utabyaye, ashingiye ku cyemezo gitangwa n'Urwego kivugwa mu ngingo ya 10 y'iri teka akayishyikiriza Urukiko rubifitiye ububasha kugira ngo ruyemeze.

The civil registrar makes the adoption record based on the certificate issued by the Organ referred to in Article 10 of this Order and submits it to the competent court for approval.

L'officier de l'état civil rédige l'acte d'adoption en se basant sur l'attestation délivrée par l'Organe, mentionnée à l'article 10 du présent arrêté et le soumet à la juridiction compétente pour homologation.

Ingingo ya 12: icyemezo cy'urukiko

Ikirego cyo guhamya inyandiko yo kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanaga kiburanishwa mu buryo bw'ikirego cyihutirwa urukiko rumaze gusuzuma niba bikozwe mu nyungu z'umwana kandi niba ibyangombwa byose bisabwa n'amategeko byuzuye.

Iyo usaba kuba umubyeyi w'umwana atabyaye apfuye, nyuma yo kuregera urukiko ariko mbere y'uko urukiko rufata icyemezo, ikirego imiburanishirize irahagarara.

Ingingo ya 13: Kwandukura urubanza rwo kubera umubyeyi umwana utabyaye

Icyemezo cy'urukiko mu rubanza rwo kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga rwandukurwa mu gitabo cy'inyandiko zerekeye kwemera kubera umubyeyi umwana utabyaye bigashyirwa mu mpande y'inyandiko y'ivuka y'uwigizwe umwana.

Umubyeyi umaze kubyemererwa n'urukiko agomba kwandikisha icyo cyemezo mu bwanditsi bw'irangamimerere mu gihe cy'amezi abiri (2) urubanza rubaye ndakuka.

Article 12: Decision of the court

The application for approval of the adoption record is settled by the relevant court by summary proceedings, after examining whether it was done in the child's interest and if all prerequisites regarding age and consent were fulfilled.

The death of an intended adoptive parent after filing the application but before the ruling of the court halts the proceedings.

Article 13: Registration of an adoption judgment

The inter-country adoption judgment is registered in the register of adoption records and mentioned in margins of the birth record of the adopted child.

The adoptive parent having been granted the adoption by the court must register that judgment in the civil register within two (2) months from the date on which the judgment became final.

Article 12: Décision de la juridiction

La juridiction compétente statue sur la demande d'homologation de l'acte d'adoption internationale par voie de référé, après avoir vérifié que l'adoption est faite dans l'intérêt de l'enfant, et si toutes les conditions requises sont remplies.

Si l'adoptant meurt après avoir introduit sa demande mais avant le jugement d'adoption, la procédure est interrompue

Article 13: Enregistrement du jugement d'adoption

Le jugement d'adoption est enregistré sur le registre des actes d'adoption et annoté en marge de l'acte de naissance de l'adopté.

La personne à laquelle l'adoption d'un enfant a été confiée par la juridiction doit faire enregistrer ce jugement sur le registre de l'état civil dans un délai de deux (2) mois à compter de la date à laquelle le jugement est devenu définitif.

Kubera umubyeyi umwana utabyaye bigira agaciro uhereye igihe urubanza rwemeza icyo cyemezo rwabayeho ndakuka.

Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rwacye ku rwego rwa nyuma urubanza rwemera kuba umubyeyi w'uwo utabyaye amenyesha umwanditsi w'irangamimerere ibyerekeye kubera umubyeyi umwana utabyaye.

Adoption takes effect from the date on which the judgment on adoption became final.

The Chief Registrar of the Court which decided on adoption in the last instance informs the civil registrar on adoption.

L'adoption devient effective à compter de la date à laquelle le jugement qui la prononce est devenu définitif.

Le Greffier en chef de la juridiction ayant statué en dernier ressort sur l'affaire d'adoption notifie l'officier de l'état civil cette adoption.

Ingingo ya 14: Inyandiko itangwa n'Urwego

Umuntu wabaye umubyeyi w'umwana atabyaye, ashakiriza Urwego kopi y'inyandiko yo kubera umubyeyi umwana utabyaye yatanze n'umwanditsi w'irangamimerere na kopi y'urubanza rwemeza ko umwana abaye uwe mu buryo bwemewe n'amategeko, rukamuha inyandiko igaragaza ko inzira zisabwa mu kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga zubahirijwe.

Ingingo ya 15: Raporo y'umubyeyi w'umwana atabyaye

Umuntu wabaye umubyeyi w'umwana atabyaye ku rwego mpuzamahanga, agomba gutanga raporo ku mibereho y'umwana abinyujije ku rwego rw'igihugu cye rushinzwe gushyira mu bikorwa amasezerano mpuzamahanga

Article 14: Document issued by the Organ

The adoptive parent submits a copy of the adoption record issued by the civil registrar and a copy of the decision of the court approving the adoption to the Organ which issues him/her a document certifying that all procedures required for intercountry adoption have been met.

Article 15: Report of the adoptive parent

The intercountry adoptive parent must provide a report on the health conditions of the adoptive child throughout the national organ in charge of implementation of Treaties and International Agreements relating to child protection and

Article 14: Document délivré par l'Organe

L'adoptant transmet une copie de l'acte d'adoption délivré par l'officier de l'état civil et une copie de jugement homologuant l'adoption à l'Organe qui lui remet à son tour un document attestant que toutes les procédures requises pour l'adoption internationale ont été respectées.

Article 15: Rapport de l'adoptant

L'adoptant international doit donner un rapport sur les conditions de vie de l'adopté à travers l'autorité nationale chargée de l'application des traités et accords internationaux relatifs à la protection de l'enfant et de la collaboration en

yerekeranye no kurinda abana no gufatanya mu byerekeranye no kubera umubyeyi umwana utabyaye, narwo rukayishyikiriza Urwego kandi rukagenera kopi ambasade y'u Rwanda muri icyo gihugu.

Iyo raporo ku mibereho y'umwana itangwa buri mwaka kugeza igihe umwana yujuje imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko ikagaragaza ibi bikurikira:

1° uko uwagizwe umwana yitabwaho;

2° uburezi bw'uwagizwe umwana;

3° imivurirwe y'uwagizwe umwana;

4° niba nta hohoterwa uwagizwe umwana yakorewe.

Ingingo ya 16: Imikoranire y'inzezo mu gukurikirana imibereho y'umwana

Rubinyujije muri Minisiteri ifite ububanyi n'amahanga mu nshingano zayo, Urwego rushyikiriza ambasade z'u Rwanda zose, buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa urutonde bagizwe abana n'ab'ababyeyi batababyaye n'ibihugu babarizwamo kugira ngo zikurikirane imibereho yabo.

collaboration in adoption matters of his country, which submits it in turn, to the Organ and provides a copy to the Embassy of Rwanda in that country.

The report on the life conditions of the child is provided on annual basis until the adopted child attains the age of eighteen (18) and is comprised of the following:

1° how the adopted child is cared;

2° the education of the adopted child;

3° medical conditions of the adopted child;

4° if there are no acts of violence against the adopted child.

Article 16: Collaboration of organs in follow up of child's health conditions

Throughout the Ministry in charge of foreign affairs, annually and any time considered necessary, the Organ submits to all Embassies of Rwanda the list of intercountry adopted children and their respective countries of location for follow up on their health conditions.

matière d'adoption de son pays, et le soumet à son tour, à l'Organe et réserve une copie à l'ambassade du Rwanda dans ce pays.

Le rapport sur les conditions de vie de l'enfant est donné chaque année jusqu'à ce que l'enfant adopté atteigne l'âge de dix-huit ans (18) et comprend les éléments suivants:

1° la façon dont l'enfant adopté est pris en charge;

2° l'éducation de l'enfant adopté;

3° les conditions médicales de l'enfant adopté;

4° si l'enfant adopté n'a pas fait l'objet d'actes de violation.

